**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**MINISITERI Y'UBUTABERA**
**P.O. BOX 160 KIGALI**

# IJAMBO MINISITIRI W'UBUTABERA /INTUMWA NKURU YA LETA YAVUGIYE KU RWIBUTSO RWA BISESERO TARIKI YA 23/06/2017

Nyakubahwa Munyamabanga Uhoraho/Intumwa Nkuru ya Leta Yungirije,

Ba Nyakubahwa mwese muri hano mu byubahiro byanyu;

Abarokokeye namwe baturage b'aha mu Bisesero;

Bakozi ba Minisiteri y'Ubutabera bagenzi banjye,

Mbere na mbere, ndagira ngo dufate umunota umwe twibuke abanyarwanda bose bazize Jenoside yakorewe Abatusi ariko by'umwihariko twibuke Abasesero batikiriye kandi bashyinguye muri uru Rwibutso.

Tariki ya 10/02/2017 Abakozi ba Minisiteri y'Ubutabera bari ahitwa i Nyange, ni muri iyi Ntara y'Iburengerazuba, mu Karere ka Ngororero, ahabereye ibikorwa by'ubutwari bw'abana bigaga muri icyo Kigo cy'i Nyange bashyizwe mu Ntwari z'iki gihugu cyacu bahanganye n'ibikorwa by'abashakaga gukomeza ingengabitekerezo ya Jenoside bica kandi batandukanya abana b'u Rwanda ariko bagasanga bifitemo ubutwari bwitwa "Ndi Umunyarwanda"

Nk’uko twese tubizi, kwizihiza Umunsi w’Intwari z’U Rwanda bikorwa tariki ya 01/02/2017. Insanganyamatsiko y’Umunsi Mukuru w’Intwari z’Igihugu twizihije uyu mwaka ku italiki ya 01/02/2017 igira iti: “Ubutwari ni uguhitamo ibitubereye”. Ni umunsi Abanyarwanda bibuka kandi bakazirikana Intwari z’Igihugu n’ibikorwa byaziranze. Ubutwari ni imwe mu ndangagaciro zaranze Abanyarwanda mu bihe bitandukanye. Mu ndirimo y’ubahiriza Igihugu cyacu bagira bati: “Abakurambere b’Intwari, bitanze batizigama, baraguhanga uvamo ubukombe, utsinda ubukoloni na mpatsibihugu […] none uraganje mu bwigenge…”

Natangiriye ku butwari bw’abana b’i Nyange by’umwihariko n’ubutwari bw’Abanyarwanda muri rusange kugira ngo ngire aho mpera mvuga ku butwari bw’Abanyabisesero n’uko bagerageje kwirwanaho mu gihe baterwaga n’Interahamwe zaje gutizwa umurindi no gushyigikirwa n’ingabo z’Abafaransa zari mu cyitwa “OPERATION TURQUOISE”.

Uyu munsi rero twawugeneye urwibutso rwa Bisesero. Nk’uko tubizi twese, tugira iminsi 100 y’icyunamo aho tuzirikana ku minsi 100 Jenoside yakorewe Abatutsi ikozwe mu buryo budasabzwe tubara by’umwihariko duhereye taliki ya 07/04/1994 (nubwo tuzi ko Jenoside yari yaratangiye mbere), kugeza ku wa 03/07/1994 aho ingabo za RPF zari zimaze kubohora igihugu cyose.

Bisesero nk’agace karimo icyahoze cyitwa **“OPERATION TURQUOISE”** navuze ahabanza, mwagize ibihe bidasanzwe nk’uko byagarutsweho n’Umutangabuhamya mu barokokeye muri aka gace. Navuze ku bikorwa by’ubutwari nshaka kugira aho mpera mvuga ku butwari bwaranze Abanyabisesero kubera ko mwanze gupfa mutirwanyeho, mugakoresha ibyo mwabashije kubona hafi na kure, kugeza aho muhangana n’imbunda zikomeye kandi ibyo mukabikora iminsi myinshi kugeza aho Interahamwe ziturutse imihanda yose zifatanyije n’ingabo z’Abafaransa zari muri **“OPERATION TURQUOISE”** zibigirijejo nkana.

Ku ruhande rumwe, Bisesero ni hamwe mu hantu mu Rwanda twibukira ubutwari bw'Abanyarwanda bahigwaga, nubwo "urugiye kere ruhinyuza intwari", ariko Abasesero babaye intwari kugeza ku munota wa nyuma. Twibuke ko Jenoside yahagaritswe n'Abanyarwanda ubwabo kubera ko abandi bari babatereranye.

Ku rundi ruhande, Bisesero ni hamwe mu hantu hagaragaza ukwivaga kw'amahanga mu byaberaga mu Rwanda, aho bativanze mu buryo busanzwe ahubwo bakerura bafasha Interahamwe kwica abantu ubundi amahanga yavugaga ko yaje kurinda. Aha twibuka uko **"OPERATION TURQUOISE"** yabayeho, uko yaje n'uko yafashije Guverinoma y'Abatabazi n'Interahamwe, ikabahungisha kugeza muri DRC ndetse kugeza n'aho bakomeza kubafashiriza mu Nkambi z'Impunzi zari muri CONGO. Bisesero ni ikimenyestso kigaraza ko abantu bateguye Jenoside batashakaga ko hagira n'umwe usigara kubera ko bishe Abatusi ba Bisesero mu gihe bari bazi neza ko badashobora gutsinda urugamba barwana, baramaze guhunga ibice by'u Rwanda uko byagendaga bibohorwa na APR. Bisesero Jenoside yahakorerwe yagize umwihariko muzi cyangwa se mwumviye ku buhamya bwatangiwe hano, ibyo bikaba bigomba kutwongera imbaraga zo guharanira kurwanya Jenoside n'Ingengabitekerezo yayo kandi kugashimangira ko Jenoside itakongera kuba hano iwacu n'ahandi hose ku isi. "NEVER AGAIN" rero ni ijambo dukwiye kuvuga tuzirikana ububi bwa Jenoside, tunazirikana ko imitekerezere n'imyumvire n'umurongo na politiki byahagaritse Jenoside yakorewe Abatuti ntaho yagiye, ahubwo ubu byikubye inshuro nyinshi.

Turi hano mu gihe twitegura kwizihiza ku nshuro ya 23 umunsi wo kwibohora k'u Rwanda n'Abanyarwanda. Turazirikana abashyinguwe muri uru Rwibutso ariko tunazirikana Ingabo zabohoye Abanyarwanda.

Ndangije nihanganisha bikomeye abarokokeye hano, nshima ubutwari bwabo, mbabwira ko tuzakomeza kwibuka ababo bashyinguye hano kandi nshimira Ingabo zagize uruhari rukomeye mu kubarokora.

Murakoze.